

Kuki Ubwitabire ari Ingenzi

Amasuzumabumenyi y'Imyigishirize muri Maine (Maine Educational Assessments - MEA)



Kuki Maine ifite amasuzumabumenyi fatizo muri leta?

Ibisabwa na leta mw'Itegeko rigenga Uburezi mu Mashuri y'Ibanza ndetse nay'Isumbuye (ESEA) nk'uko ryavuguruwe n'Itegeko ry'Uburyo buri Munyeshuri Yatsinda (ESSA) isaba buri leta, hakubiyemo na Maine, mu gutanga isuzumabumenyi muri leta yose mu mibare, gusoma na siyansi. Abanyeshuri bakwiye guhabwa amahirwe angana kugira ngo bagaragaze icyo bazi ndetse bashoboye gukora ku bijyanye n'ibikubiye mu cyiciro cy'ishuri (igipimofatizo cya leta). Iki ni kimwe mu bisabwa gishoboza Maine kubona arenga miriyoni \$70 aturutse muri leta kubw'amashuri yo muri Maine.



Amanota akoreshwa gute?

Amasuzumabumenyi yo ku rwego rwa leta ni igipimo cyonyine mu burezi ku kuntu abanyeshuri batsinda. Amakuru akoreshwa nka kimwe mu bigize gahunda yo kubaza inshingano muri leta mu kumenya amashuri akeneye ubufasha bwisumbuyeho n'imfashanyigisho. Hariho ubundi bwoko bw'isuzumabumenyi bufasha abarezi n'amashuri akena uburyo abanyeshuri bari gutsinda kw'ishuri, mu myigire, mu mibanire, n'amarangamutima. MEA zishobora kugira umumaro nk'ububiko bumwe bw'amakuru mw'ishusho ngari y'ibyo umunyeshuri ageraho ndetse n'intsinzi y'ishuri.



Hakenewe iki?

Abanyeshuri bari mu byiciro bya 3-8 ndetse n'umwaka umwe mu cyiciro cyisumbuye basabwa kwitabira isuzumabumenyi ngarukamwaka rya leta ryo [gusoma n'imibare](#) Abanyeshuri bari mu byiciro bya 5, 8 ndetse n'umwaka umwe mu cyiciro cyisumbuye basabwa kwitabira isuzumabumenyi rya leta rya [siyansi](#) Nanone, abanyeshuri bazwi nk'abanyeshuri bavuga indimi nyinshi barasabwa kwitabira isuzumabumenyi ngarukamwaka ry' [Ubushobozi mu rurmi rw'icyongereza](#). ESSA isaba ko nibura 95% by'abanyeshuri bemerewe mu bikubiye mu nteganyanyigisho ndetse n'imbaga y'abanyeshuri kwitabira.



Byagenda bite Maine iramutse itagejeje ubwitabire bwa 95%?

Maine ishobora guhabwa inkunga nke za leta igenewe amashuri ya Maine ari guhura n'imbogamizi zumvikana. Ibipimo by'Ubwitabire biri muni ya 95% bishobora nanone guhindura amakuru y'Uburyo ishuri ritsindisha.



Amakuru avaha?

Amakuru ku bipimo by'Ubwitabire aturuka mu bisubizo by'isuzumabumenyi ngarukamwaka ryo mu rugaryi ndetse no kwandikisha umunyeshuri wa DOE/abakoresha isuzumabumenyi muri Maine. DOE muri Maine ikoresha ishami ry'ubuyobozi bw'Ishuri (SAU) yavuze ko kwandika amakuru ndetse no kuyahuza n'ibisabwa nk'ubwitabire muri buri cyiciro kibisabwa.



Bigenda bite ku banyeshuri bafite ubumuga?

Ubwiganze bw'abanyeshuri bemerewe uburezi bwihariye bitabira amasuzumabumenyi rusange yo gusoma, imibare na siyansi. Abanyeshuri bashobora kwitabira amasuzumabumenyi rusange bahawe inyunganizi nk'uko bivugwa muri gahunda y'uburezi bwite (IEP). Abanyeshuri bafite ubumuga bugaragara mu bushobozi bwo kwiga bashobora kwemererwa kwitabira mu masuzuma y'ubundi buryo. Igenwa ry'ibisabwa mu kwitabira mu masuzuma y'ubundi buryo hashingiwe ku [bipimo fatizo ry'ibyagezweho mu burezi bw'ubundi buryo \(AA-AAAS\)](#) ni umwanzuro ufatwa n'itsinda rya IEP, hashingiwe ku mabwiriza agenda kwemererwa ya leta. Ibisabwa na leta ntibyemerera abarengeje 1% y'imbumbwe y'abanyeshuri bose bakwiye gusuzumwa kwitabira isuzumabumenyi ry'ubundi buryo. Ibi bishobora no kugira ingaruka ku nkunga itangwa na leta. Bibaye ngombwa ko leta irenga igeno rya 1%, gukomorerwa bishobora gusabwa U.S. DOE. icyibanze kugira ngo usabe gukomorerwa ni ubwitabire bwa 95% muri za MEA.

Ibindi wakwibaza ku bijyanye n'ubwitabire mw'isuzumabumenyi n'amasuzumabumenyi Myigishirize muri Maine?

Vugana n'ugize [Itsinda ry'Isuzumabumenyi rya DOE muri Maine](#).

Umuyobozi mukuru ushinze Isuzumabumenyi: Jodi Bossio-Smith, Jodi.Bossio-Smith@maine.gov